REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

ITANGAZO RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA KURI KANDIDATIRE Z'ABIFUZA KUBA ABAJYANAMA B'UTURERE

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda ko izakira kandidatire z'abifuza kuba Abajyanama b'Akarere (abajyanama rusange cyangwa 30% b'abagore), guhera tariki **11 kugera ku ya 20 Ukwakira 2021.**

Utanga kandidatire ku mwanya w'Umujyanama w'Akarere agomba kuba ari umunyarwanda, afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko, adafite imiziro imubuza gutorwa kandi atari mu mirimo itabangikanywa no kuba Umujyanama.

Dosiye itanga kandidatire igomba kuba igizwe n'ibikurikira:

1) Ibaruwa itanga kandidatire, isinye, yandikiwe Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kandi imenyekanisha umwanya wiyamamarizwa,
2) Umwirondoro utaburamo amazina y'Umukandida, igihe n'aho yavukiye, amashuri yize n'ibyo yakoze, umurimo akora, aho akora n'aho atuye,
3) Fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha,
4) Kopi y'impamyabumenyi/impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri w'umwimerere,
5) Ifoto imwe ngufi y'ibara, muri format ya JPG, ifite inyuma (fond/background) y'umweru,
6) Icyemezo cy'Ubutabera kigaragaza ko yafunzwe cyangwa atafunzwe, kitarengeje amezi atandatu (6),
7) Inyandiko y'ukuri, isinywe n'Umukandida, ihamya ko ibyatanzwe bihuye n'ukuri.

Kandidatire zizoherezwa mu buryo bw'ikoranabuhanga zinyujijwe kuri emails ebyiri muri buri Karere, zitangwa na Komisiyo. Umukandida akoresha email ye bwite, udakoresheje iye bwite amenyekanisha mu nyandiko email azasubirizwaho. Utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakira n'Umukozi wa Komisiyo y'Amatora mu Karere umukandida yiyamarizamo.

Urutonde rwa emails zoherezwaho kandidatire na telefoni z'Umukozi wa Komisiyo muri buri Karere zigaragara ku rubuga rwa Komisiyo (website), www.nec.gov.rw, no ku biro by'Umuhuzabikorwa w'Amatora mu Karere.

Icyitonderwa: Kubera ko imyanya itorerwa izahinduka, Komisiyo izakira Kandidatire bundi bushya.

Kigali, ku wa 01/10/2021

Digitally signed by NEC(Chairman)
Date: 2021.10.01 15:51:00 +02'00'

Prof. KALISA MBANDA
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora